Inyandiko-mvugo y'inama y'abashoferi ba
Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
yabaye tariki ya 24 Ugushyingo 1986.

Tariki ya 24 Ugushyingo 1986, Umunyamabanga Mukuru wa Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yayoboye inama y'abashoferi b'iyo Ministeri.

Iyo nama yatangiye saa mbili n'igice yali igamije kubagezaho amabwiliza mashya ya Ministeri ya Transporo no Gutumanaho, ali nayo ishinzwe imikoreshereze y'imodoka za Leta.
Umunyamabanga Mukuru kandi yari kumwe n'Umugengamali wa MIJEUCOOP.

Iyo nama yitabiliwe n'abashoferi bagera kuli cumi na batandatu.

Atangira ijambo, Umunyamabanga Mukuru yabanje kwibutsa ko ayo mabwiliza yatanzwe mu gihe Igihugu cyiyemeza kwizilika umukanda, aliko Ministeri ya Transporo no Gutumanaho ikaba yarasaga n'iyibutsa kuko yabonaga amabwiliza itanga adakulikizwa bihagije.

Yakomeje ababwira ko yifuje kubagezaho ayo mabwiliza mbere y'uko ayageza ku bandi bakozi ba MIJEUCOOP, cyane cyane abakunda kujya mu butumwa hagati mu gihugu, kugira ngo bavugire hamwe ingorane zose bahura nazo mu gukulikiza ayo mabwiliza.

Yababwiye ko mu by'ukuli umushoferi nyawe ari ufata imodoka ye neza, akayigilira isuku, yarwara akabibwira ababishinzwe igakorwa itarangilika ; mbese akamera nk'umubyeyi n'umwana we (iyo umwana arwaye umubyeyi ntasinzira umwana atarakira) cyangwa umuhinzi n'isuka ye.
Yavuze ko umushoferi afite imbogamizi abandi bakozi ba Leta batagira, iyo imodoka ye yapfuye ahagalika akazi ; icyo gihe ntiyari akwiye guhembesha kandi ntacyo yakoze. Niyo mpamvu rero umushoferi ushyilishije imodoka ye mw'igaraji adakwiye kwidamararira, ahubwo akwiye kuyikurikirana kugeza ivuyemo, kandi mu gihe gito ngo abone icyo akora.
Iyaba uwo mutima-nama abashoferi bawugiraga ali benshi, nta modoka yakongera kwangirika ikabije kandi nabo bakagirirwa icyizere gihagije ntibahore bakangishwa kwirukanwa ku kazi.

Nyuma y'izo nama z'ingira-kamaro, Umunyamabanga Mukuru yabasomeye amabwiliza ya MINITRANSCO agenda asobanura buli ngingo kandi yibutsa amakosa bagomba kwilinda n'ibihano biteganyijwe :

1. <u>Gutwara imodoka nta rupapuro rw'inzira (feuille de route) rwashyizweho umukono cyangwa se urupapuro rw'inzira rudatunganye.</u>
   Umushoferi uzaba yakoze iryo kosa azahanishwa kwihanangilizwa cyangwa guhagalikwa ku kazi iminsi cumi n'itanu nta mushahara.

2. <u>Gutwara imodoka utabigenewe.</u>
   Bitewe n'urwego azaba alimo, uzafatwa azakorerwa inyandiko izashyikilizwa ubigenewe kugira ngo amuhane.

3. <u>Gutwara abantu batanditse mu gitabo cyabigenewe.</u>
   Umushoferi uzafatwa atwaye abantu adategekewe gutwara azahanishwa guhagalikwa ku kazi iminsi cumi n'itanu nta mushahara.

..../....

4. Gutwara abantu mu modoka ya Leta ulihisha.

Iryo kosa lizahanishwa kwirukanwa ku kazi kandi n'amafranga umushoferi yatse abagenzi ashyirwe mw'isanduku ya Leta.

5. Guha imodoka ya Leta undi muntu ngo ayitware cyangwa se kuyigishilizaho.

Uzafatwa azahanishwa :

- Kwirukanwa niba uwo yigisha atali umufiteho ubutegetsi
- Guhagalikwa ku kazi iminsi 15 nta mushahara ku mushoferi wigisha undi umuntu aliko abitegetswe n'umutegeka
- Uwigisha gutwara imodoka, ahanwa hakulikije amategeko aliho mu gihugu.

6. Guhagarika imodoka ahantu hatemewe.

- Bizahanishwa guhagalikwa ku kazi iminsi 15 nta mushahara
- Gukorerwa raporo irambuye no guteganya ibihano byafatwa n'ababishinzwe ku bantu iyo modoka izaba itwaye.

7. Gutwara imodoka ya Leta nyuma y'amasaha y'akazi.

Kubera ko ibyononekara ku modoka za Leta ibyinshi ali ibiba nyuma y'amasaha y'akazi, imodoka za Leta zitegetswe kuba zabitswe bitarenze saa kumi n'ebyili za nimugoroba (18 H 00). Nyuma y'iyo saha imodoka zizafatwa. Aliko umugenzuzi ashobora kwemera ko imodoka ishobora gukomeza kugenda bitewe n'impamvu iyigenza.

Umushoferi uzafatwa muli iryo kosa ashobora guhanishwa guhagalikwa ku kazi iminsi 15 nta mushahara cyangwa se kwirukanwa.

Ibihano bigenewe umushoferi uzasuzugura abagenzuzi adafite icyemezo cyo gutwara imodoka (permis de conduire), uwihuta bikabije, utwara imodoka yasinze, biteganywa n'amategeko agenga iby'imihanda.

Ni ngombwa rwose gukoresha igitabo cy'umushoferi cyagenewe ubugenzuzi n'uburyo lisansi ikoreshwa.

Ku rupapuro rwa mbere rw'ioyo gitabo hazashyirwa imikono yose y'abafite uburenganzira bwo gushyira umukono wabo mulicyo.

Imodoka zizaba zafashwe mu gihe cy'igenzura zizarekurwa gusa na Ministri wa Transporo Gutumanaho.

Amaze kubasomera ayo mabwiliza hakulikiyeho ibibazo by'abashoferi :

1° Ikibazo : Haracyaboneka abashoferi batumwa mw'isoko n'ababategeka.

Igisubizo : Ibyo koko bishobora kuba bikiliho ; aliko mu kinyabupfura ushobora kumvisha uwo ubigutegetse ko bibujijwe akakumva. Ikibi ni ukumusuzugura ku mugaragaro. Birabujijwe kujyana imodoka ya Leta mw'isoko.

2° Ikibazo : Abashoferi barasaba uburenganzira bwo kuruhuka nk'abandi bakozi nyuma y'amasaha y'akazi, cyane cyane kuwa gatandatu bavuye mu muganda kuko umunaniro uba ukabije.

Igisubizo : Ibyo nibyo koko, abashoferi nabo bakeneye kuruhuka. Abajyaga babakoresha kuwa gatandatu nyuma y'umuganda bazahabwa amabwiliza atuma babaha ikiruhuko nk'abandi. Ibyo aliko ntibireba abashoferi ba Ministri n'Umunyamabanga Mukuru kuko bo babihemberwa.

3° Ikibazo : Ikindi kibazo gikomeye ni igihe mu Buyobozi Bukuru bw'Imikino n'Imyidagaduro haba hali akazi kenshi kuwa gatandatu nyuma ya saa sita no ku cyumweru. Bagakoresha abashoferi batuye kure kugeza ndetse na saa sita z'ijoro.

Igisubizo : Icyo ni ikibazo gikomeye koko. Niba umuntu arangije akazi saa sita z'ijoro n'iyo yaba atuye hafi biraruhije gutaha muli icyo gicuku. Aliko rero ni byiza ko bareba nibura abatuye hafi y'aho babika imodoka za Leta.

4° Ikibazo : Abashoferi barasaba ko batajya bategekwa gutwara abantu batanditse mu gitabo cyabigenewe.

Igisubizo : Umunyamabanga Mukuru yababwiye ko ibyo bintu koko azi ko bibaho. Yabijeje ko azibutsa amabwiliza kugira ngo ababikora babireke.

5° Ikibazo : Ikindi kibazo gikunda kuboneka ni icy'umuntu bohereza mu butumwa, yaza gusaba umushoferi mu Biro by'Ubugengamali, uwo bamuhaye ntamwange ngo bimenywe, ahubwo akishakira uwe ku mayeri, bakazajyana mu butumwa nta n'inyoni ibimenye. Ibyo abashoferi barabona bibanganiye akazi kabo.

Igisubizo : Niba koko ibyo biriho, Umunyamabanga Mukuru yifuje ko bitakongera kuko bizana umwuka mubi mu kazi. Niba abantu barahawe akazi kamwe ntibikwiye ko abashinzwe kubakoresha bakoresha bamwe abandi ngo babihorere ; twese dutahiriza umugozi umwe.

6° Ikibazo : Hali n'igihe umushoferi bamujyana mu butumwa yavuze ko afite imodoka irwaye cyangwa ishaje, bakamwohereza ku gahato yagera mu nzira imodoka igahagarara ; umushoferi akagayirwa kudafata imodoka neza cyangwa ubuswa bwo kutamenya imodoka.

Igisubizo : Ntabwo imodoka izwi ko ishaje igomba kujya mu muhanda idakorewe igenzurwa lihagije. Uwo bazabwira kujya mu butumwa ku gahato azajye abanza abibwire ubifitiye ubushobozi abanze arebe niba ali ngombwa.

Nyuma y'ibyo bisobanuro byose, Umunyamabanga Mukuru yasabye abashoferi kwita ku kazi kabo, gufata imodoka zabo neza no kubahiliza amategeko agenga imicungire y'imodoka za Leta, abizeza kujya yumva neza ibibazo byabo uko bimugezeho.

Inama yarangiye saa tatu n'igice za mu gitondo, buli muntu asubira ku kazi ke.

Bikorewe i Kigali, kuwa 26 JAN. 1987

UMWANDITSI W'INAMA :
HAVUGIMANA Froduald

UMUYOBOZI W'INAMA :
Umunyamabanga Mukuru
MUGEMA Romuald